Inshamake ya gahunda yo kurwanya icyorezo cya virusi kiriho

Urwego rwa 1 — Kwitegura

- Ikipe yo guhangana n'ibibazo (DLIMT) ku rwego rw'akarere k'amashuri ya leta mu Ntara ya Jefferson (JCPS) yiteguye kugira icyo ikora byihuse mu gihe ishuri rikeneye ubufasha bwihutirwa.
- Gahunda yo kurwanya icyorezo cya virusi kiriho (PVEP) yasubiwemo.

Urwego rwa 2 — Kugihosha no kwirinda (nk'uko bigenwa n'Ishami ryita ku buzima n'imibereho myiza y'abaturage mu mugi wa Louisville [LMDPHW])

- Kugenzura ubuzima bw'abaturage biziyongera, habeho no gukurikirana imisibire y'abanyeshuri.
- Ibikorwa by'isuku mu mazu bizagenzurwa kugira ngo harebwe niba amashuri akorera ahantu hasukuye kandi hateye umuti.

Urwego rwa 3— Ingamba zisumbuye (nk'uko zigenwa na LMDPHW) Urwego JCPS iriho

- Gushyira mu bikorwa ubukangurambaga bwimbitse, kandi ingamba zizongerwa.
- Kunoza uburyo bwo gutera imiti yica udukoko ku rwego rw'akarere.

Urwego rwa 4— Gutangiza igenzura, gutanga raporo n'ubukangurambaga bwimbitse (nk'uko bigenwa na LMDPHW)

- JCPS yatangaje umubare w'abaketsweho virusi muri Kentucky.
- Gukaza umurego mu ikurikiranabikorwa no gukomeza guhana amakuru na LMDPHW.
- Gushyiraho inzitizi no/cyangwa guhagarika ingendo zikorewe hanze y'intara kubera imirimo, inama, n'ibindi by'akarere nk'uko bivugwa na LMDPHW.
- Gushyiraho inzitizi / kugena umubare ntarengwa w'ibikorwa bihuriza abantu hamwe nk'uko bivugwa na LMDPHW.

Urwego rwa 5—Kwitegura gufunga amashuri niba bibaye ngombwa (nk'uko bigenwa na LMDPHW)

- Abakora mu by'ubuzima bazamenyesha JCPS igihe hari umurwayi ugaragaye mu Ntara ya Jefferson.
- Mu mashuri no mu baturage hazashyirwaho gahunda y'ibibazo by'ubuzima byihutirwa.
- JCPS izakoranira bya hafi na LMDPHW.
- Gahunda zose z'ingendo mu karere zigomba guhagarikwa nk'uko bivugwa na LMDPHW.

Urwego rwa 6—Ifungwa ryihutirwa ku neza y'ubuzima bw'abaturage (nk'uko bigenwa na LMDPHW)

- Akarere kazemeza uburyo amashuri azafungwamo (bitegetswe na LMDPHW).
- Amakuru yerekeye uko abanyeshuri, abakozi ndetse n'abaturage bazafashwa azatangazwa.

Urwego rwa 7—Ibihe bisubiye kuba byiza (nk'uko bigenwa na LMDPHW)

- Abanyeshuri n'abakozi bashobora gusubira ku ishuri/kazi.
- Hazashyirwaho ikipe y'ubutabazi yo gufasha amashuri mu gihe bikenewe.